



## Individual Responsibility Plan (Gahunda y'Inshingano z'Umuntu, IRP)

Gahunda y'Inshingano z'Umuntu (IRP) za: \_\_\_\_\_ muri WorkFirst

NOMERO YA JAS	NOMERO Y'IKIREGO
NOMERO IRANGA UMUKIRIYA	

Nemeye ko:

- Ngomba gukora akazi, gushaka akazi, cyangwa kwitegura gukora akazi.
- Ngomba kugira uruhare mu mirimo ya ngombwa. Mu gihe ntabikoze, Nzahanwa keretse nindamuka ngaragaje ko nari mfite impamvu zumvikana. Ni byo byitwa urwego rw'ibihano muri WorkFirst.
  - Nindamuka mpanwe, bivuze ko:
    - Inkunga yange izakurwaho 40% cyangwa umugabane w'umuntu umwe ukavanwaho, bitewe n'ibyinshi muri byo, CYANGWA:
    - ntazongera guhabwa serivisi z'ingoboka kugeza igihe nongeye gusubira muri WorkFirst.
  - Mu gihe amafaranga yange y'ingoboka yaba agabanyijwe kubera ibihano bya WorkFirst:
    - Byansaba gukurikiza gahunda za IRP mu gihe cy'ibyumweru bine bikurikiranye ntasiba ku girango ndangize igihano.
    - Mu gihe naba nkoze ibisabwa mu byumweru bine bikurikiranye ntasiba, ibihano byahita bivanwaho uhereye ku muni wa mbere w'ukwezi gukurikira ibyumweru bine nubahirije ibyasabwaga.
    - Mu gihe namara amezi 10 akurikiranye nkora ibihano, ikibazo cyange cyaba kirangiye.
  - Igihe ikibazo cyange cyaba kirangiye kubera ibihano bya WorkFirst:
    - Nzabasabwa kongera kubisaba kandi nshobora gusabwa kumara ibyumweru bine bikurikiranye nkora ntarahabwa amafaranga.
- Ngomba gukorana na Division of Child Support (Ishami Ryita ku Ubufasha Bugenewe Umwana) kugira ngo mbone inyungu za TANF/SFA keretse igihe naba mfite impamvu zumvikana zituma tudakorana. Guhabwa inkunga yo gufasha abana neza, bishobora gutuma ntakenera inkunga y'amafaranga.
- Mu buzima bwange nshobora kubona amafaranga y'inyungu y'amezi 60 ya TANF/SFA gusa keretse nongerewe andi amezi.
- Maze guhabwa amafaranga y'inyungu y'amezi \_\_\_\_\_ .
- Ngomba gukora akazi, gushaka akazi, cyangwa kwitegura gukora akazi. Mu gihe ntabashije gukora igikorwa cyateguwe, Nzahamagara kuri numero zanditse inyuma.
- Ngomba gukora imirimo ikurikira mu gihe cyihariye cya buri cyumweru, nk'uko bigaragazwa:

Mu gihe naba mfite impamvu zumvikana zatumye ntakurikiza gahunda yange nahawe, ngomba kumenyesha kandi nkakorana na n'Inzobere ya WorkFirst ishinze Porogaramu cyangwa Umukozi Ushinzwe Imibereho Myiza muri WorkFirst mu gihe kidatinze. Zimwe mu mpamvu zumvikana ni izi zikurikira:

- Sinubahirije gahunda twahanye kubera ndwaye cyangwa kuko ngomba kwita ku mwana wange uko bikwiye cyangwa kuko nahuye n'ikibazo mu rugendo;
- Nagize ibibazo bintunguye by'ubuzima (bishingiye ku mbaraga z'umubiri, mu mutwe, cyangwa amarangamutima);
- Nahuye n'ingaruka zishingiye ku ihohoterwa ryo mu muryango;
- Sinshobora kubona ubufasha bugenerwa umwana buhagije, bwa nyabwo mu gace mbamo bugenerwa abana bafite imyaka iri mu nsi ya 13;
- Mfite ikibazo cy'amategeko kihutirwa;
- Mfite ubumuga cyangwa ibindi bibazo bituma ntabasha kuzuza ibisabwa muri ino gahunda; cyangwa
- Ndashaje ku buryo mfite ubumuga bukomeye kandi butazakira;
- Mba nkenewe mu rugo kugira ngo nite ku mwana ufite ubumuga cyangwa ngo nite ku muntu mukuru ufite ubumuga;
- Mfite imyaka 55 cyangwa irengaho, bityo rero ngomba kwita ku mwana kandi si njye mubyeyi we; cyangwa
- Ndasaba ubufasha bwa SSI mfashijwe na n'abafasha bo muri DSHS.
- Ntabwo mfite aho kuba cyangwa nita ku mwana/bana u/badafite aho kuba.

Mu gihe ntemeye iyi gahunda, mfite uburenganzira bwo gusaba ko ikibazo gisuzumwa ndetse/cyangwa hakabaho kuburanira mu buyobozi. Kugira ngo nsabe kuburana, ngomba kubimenyesha Community Services Office (Ibiro Bishinzwe Serivisi Rusange z'Abaturage) cyangwa Office of Administrative Hearings, DSHS, kuri aderesi; PO Box 42489, Olympia WA 98504-2489, mu gihe kitarenze iminsi 90 Umuyobozi mukuru amaze gushyira umukono ku kirego cyanjye. Nahawe kopi yange ya Gahunda y'Inshingano z'Umuntu. Mu rubanza, mfite uburenganzira bwo kwiburanira,

kuburanirwa n'Avoka cyangwa n'undi muntu wese nahitamo. Nahabwa ubufasha cyangwa ngahagararirwa mu by'amategeko ku buntu mbisabye Coordinated Legal Education Advice and Referral (Gahunda yo gutanga ubufasha bwo gosobanukirwa amategeko, gutanga inama zijyanye na yo ndetse no kuyamenyekanisha, CLEAR) kuri aderesi zikurikira:

- Sura urubuga rwa interineti: <http://nwjustice.org/get-legal-help>;
- Hamagara kuri numero 1-888-201-1014 niba ntagejeje imyaka 60, cyangwa
- Hamagara kuri numero 1-888-387-7111 niba mfite imyaka 60 cyangwa kurenzaho.

UMUYOBOZI MUKURU WO KUGENZURA IKIREGO	ITALIKI	UMUKONO WANGE	ITALIKI
NOMERO YA JAS	NOMERO Y'IKIREGO	NOMERO IRANGA UMUKIRIYA	

**IBISABWA BYA NGOMBWA BIGOMBA KUGIRWA IBANGA**

Nshobora guhabwa serivisi z'ubufasha zo kumfasha guteza imbere akazi kanjye, kugumana akazi kanjye, gushaka akazi, cyangwa gukurikira gahunda nahawe. Mu gihe ntanyuzwe n'imyanzuro ya serivisi z'ingoboka, nshobora gusaba ko urubanza rusubirwamo ndetse/cyangwa kuburana. Nzasaba Inzobere ya WorkFirst Ishinzwe Porogramu/cyangwa Umukozi Ushinzwe Imibereho Myiza muri workFirst, mu gihe nkeneye serivisi z'ingoboka nko:

- |                    |                               |  |                                   |
|--------------------|-------------------------------|--|-----------------------------------|
| • Gukanika imodoka | • Ibikoresho by'isuku (Pampa) | • icyemezo/amafaranga yo kwishyura serivisi zitandukanye | • ibyakoreshejwe                  |
| • Imyambaro        | • Ibigenda ku burezi          | • Kwiyogoshesha  | • Ibikoresho byo ku kazi          |
| • Ubujyanama       | • Isuku y'umuntu ku giti cye  | • Ikarita y'ingendo za bisi                              | • Gahunda yo kuringaniza urubyaro |

Mu gihe nahanwe, sinemerewe guhabwa serivisi z'ingoboka (nk'amafaranga y'akazi, imyambaro cyangwa tike) kugera ntangiye kubahiriza gahunda za IRP zindeba.

Nemera ko mu gihe ntakoranye na Division of Child Support (Ishami Ryita ku Ubufasha Bugenewe Umwana, DCS) nta mpamvu ifatika, ibyo mpambwa bishobora kugabanywa. Mu mpamvu zumvikana harimo icyagerageza kubabaza abana banjye cyangwa njye ubwange. Nemera ko igihe naba mpabwa ubufasha bwa TANF, ubundi bufasha bwose bugenewe umwana bwakusanyijwe bwakoreshwa mu kwishyura leta.

Mu gihe mparitse gufata ubufasha bwa TANF/SFA, DCS izakusanya ubufasha bugenewe umwana hanyuma bunyoherezwe keretse nsabye ko bihagarara. Nzi neza serivisi y'ingoboka, ibihano, ndetse n'ubufasha bugenewe umwana.

UMUYOBOZI MUKURU WO KUGENZURA IKIREGO	ITALIKI	UMUKONO WANJYE	ITALIKI
---------------------------------------	---------	----------------	---------